# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 31 WERURWE 2017

Ku wa gatanu tariki ya 31Werurwe 2017 saa mbiri n'iminota mirongo ine za mu gitondo (08h40'), mu cyumba cy' inama cy'Akarere ka Gasabo hateraniye inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 26 bakurikira :

**Abajyanama bitabiriye inama :**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
6. Umujyanama KAMASHAZI GASANA Donnah
7. Umujyanama KAMBANZE Beatrice
8. Umujyanama KAMILI KAREGYE
9. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
10. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
11. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
12. Umujyanama MUGABO Anne
13. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeannine
14. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
15. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
16. Umujyanama MUSOLINI Eugene
17. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
18. Umujyanama MUTONIWASE Sophie
19. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
20. Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
21. Umujyanama RWAKIYANJA Jean Paul
22. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
23. Umujyanama UMUKUNZI Paul
24. Umujyanama UMUTONI Flora
25. Umujyanama TUYISENGE Marie Louise
26. Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1. Umujyanama BUCYANA André
2. Umujyanama SHEMA Fabrice
3. Umujyanama RWIHUNDA Fred

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Bwana INGABIRE Augustin (Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere)
2. Bwana BAGARAGAZA Boniface (Umuyobozi w' Ishami ry' Igenamigambi mu Karere)
3. Bwana KAYIHURA Félix (Umukozi ushinzwe imirimo y'Inama Njyanama)
4. Bwana MAHENE BYIRINGIRO Jean Paul (Umukozi ushinzwe ikoranabuhanga)
5. Madamu BENIMANA Bernadette (Constituency Affairs Officer);

## UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w' Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye inama y'Inama Njyanama, nyuma abagezaho ingingo ziteganyijwe gusuzumwa zikurikira:

## INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y' inama y'Inama Njyanama yateranye ku wa 31Mutarama 2017 n' iyo ku wa 14 Gashyantare 2017;
2. Gusuzuma raporo y' ibikorwa by' Akarere y' igihembwe cya kabiri cy' Umwaka 2016-2017;
3. Gusuzuma raporo y' Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku mikoreshereze y' ingengo y' imari y'Akarere y' igihembwe cya kabiri cy'Umwaka wa 2016-2017;
4. Kureba aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y' Umwaka wa 2016-2017 igeze ishyirwa mu bikorwa ;
5. Gusuzuma raporo ya Komisiyo zihoraho z' Inama Njyanama;
6. Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarare ;
7. Gushyiraho Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo;
8. Gushiraho abagize Komite z'ubutaka ku rwego rw' Imirenge;
9. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandiko mvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 31 Mutarama 2017 n'iyo ku wa 14 Gashyantare 2017**

Umunyamabanga w' Inama Njyanama y'Akarere yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandiko mvugo z'inama zidasanzwe z' Inama Njyanama zateranye ku wa 31 Mutarama 2017 hamwe n'iy'inama yateranye ku wa 14 Gashyantare 2017, anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w' Umujyi wa Kigali yandikiye Umuyobozi w' Inama Njyanama zisubiza kuri iyo myanzuro yemera ko yashyirwa mu bikorwa kandi asaba ko ishyirwa mu bikorwa ryayo ryakwihutishwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho izo nyandiko mvugo, bazikoreye ubugororangingo, nyuma harebwa uburyo imyanzuro yemejwe yashyizwe mu bikorwa; maze gusanga haragombaga gushyirwaho uhagarariye buri Komisiyo muri Komite y'igiceri Program ku rwego rw'Akarere, nyuma yo kungurana ibitekerezo, hemezwa imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N° 08 .01.096**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje Abajyanama bazahagararira Komisiyo muri Komite y'igiceri Program ku rwego rw'Akarere bakurikira:

1. Umujyanama BAGIRIJABO Jean d'Amour watanzwe na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
2. Umujyanama MUHIRE Jean Luc watanzwe na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza;
3. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose watanzwe na Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'abaturage

**Umwanzuro N° 08 .02.097**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y' inama idasanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 31 Mutarama 2017 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro N° 08.03.098**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y' inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 14 Gashyantare 2017 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Kabiri</u>: Raporo y' ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy' Umwaka wa 2016 -2017.**

Abagize Inama Njyanama bagejejweho raporo y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo byakozwe mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016-2017,
byagezweho ku bwuzuzanye n'ubufatanye bw'Inama Njyanama y'Akarere, Komite Nyobozi, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere, Imirenge, amashami na serivisi bikorera mu Karere kugera ku rwego rw'umudugudu.
Yakomeje ababwira ko raporo y'igihembwe cya kabiri 2016-2017 igizwe n'ibice bine (4) bikurikira:

- ✓ Imirimo n' ibikorwa by' Inama Njyanama y'Akarere na Komisiyo ziyigize;
- ✓ Imirimo ya Komite Nyobozi y'Akarere ;
- ✓ Imirimo y' Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere ;
- ✓ Ibikorwa by'amashami na serivisi bikorera mu Karere. Ibi byose bikaba byarakozwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa bibumbiye muri JADF (Joint Action Development Forum) hashingiwe kuri gahunda z'iterambere, hibandwa ku ntego z'Icyerekezo 2020, gahunda y'imbaturabukungu (EDPRS 2), gahunda y'amajyambere y'Akarere (DDP2), ndetse no ku mihigo y'Akarere.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, bamaze kugezwaho raporo y' ibikorwa by'Akarere no kuyunguranaho ibitekerezo bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 08 .04.099**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'ibikorwa by'Akarere y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016-2017 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Uyu myanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama

**<u>Ingingo ya gatatu:</u> Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y' igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016-2017**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama raporo y'imikoreshereze y'ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' igehembwe cya kabiri cy' Umwaka wa 2016-2017 nk'uko biteganywa n' itegeko n° 87/2013 of 11/09/2013 rigena imitunganyirize n' imikorere y' inzego z' imitegekere y' Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 135, ivuga ku Nshingano z' Umunyamabanga Nshingwabikorwa. Mu gika cya 17, bavuga ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa agomba gusobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y' imari imbere y' Inama Njyanama, agaragariza abagize Inama Njyanama y'Akarere uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016-2017 yakoreshejwe, agaragaza amafaranga yinjiye kuva ku itariki ya 1 Ukwakira 2016 kugeza kuri 31 Ukuboza 2016 ndetse anabagezaho uburyo ayo mafaranga yakoreshejwe, ibyo yakoze n'imyenda Akarere gafite.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo yatowe y' Umwaka wa 2016-2017 ingana n'amafaranga y'u Rwanda 20,481,645,579, igizwe n'amafaranga yagombaga guturuka muri Leta angana na 8,882,763,581 n'andi yagombaga kwinjizwa n'Akarere ubwako angana 11,654,014,998 nk'uko bigaragara mu masezerano y'ubufatanye hagati y'Akarere ka Gasabo n' Ikigo cy' Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro.
Yakomeje agaragaza ko amafaranga yinjiye mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016-2017, ayaturutse mu misoro n'amahoro angana na 1,603,298,214 kuri 2,530,914,785 yari ateganyijwe, bihwanye na 63.3 %, naho amafaranga yagomba guturuka muri Leta angana na 1,633,419,823 hinjiye agera kuri 1,498,552,527 bingana na 91.74%. Yakomeje avuga ko ikinyuranyo kingana n'amafaranga 134,867,296 cyaturutse ku mishahara y'abarimu, abaganga ndetse n'inkunga ihabwa ibigo by'amashuri (Capitation grants) atashoboye kuboneka.

Ku birebana n'imikoreshereze y'ingengo y'imari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, yakoreshejwe ku kigereranyo cya 22,5%, kuko kugeza ku wa 31/12/2016, hari hamaze gukoreshwa amafaranga 4,624,803,077 kuri 20,481,645,579 yari ateganyijwe.

Ku birebana n'imyinjirize Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko kugeza ku wa 31 Ukuboza 2016 ikigereranyo cyari hasi, kuko amafaranga yinjizwa n'Akarere yari make ugereranyije n'ayagombaga kwinjira, ariko Akarere kakaba karafashe ingamba ku bufatanye n'Ikigo cy' Igihugu gishinzwe kwishyuza Imisoro n'Amahoro (RRA), abasora bakangurirwa kwishyura imisoro ndetse no kwishyuza ibirarane.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yagaragarije Inama Njyanama ko ku ngengo y'imari ivuguruye ingana na 23,201,391,894 yemejwe ku wa 31/1/2017, hari amafaranga angana na 79,465,410 yiyongereyeho yavuye muri Minisiteri y'Uburezi yinyongera yo guhemba abarimu n'andi mafaranga y'u Rwanda angana na 2,221,762,700 akomoka ku igurishwa ry'ubutaka. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragaje ko nyuma yo kubona aya mafaranga angana na 2,211,762,700 yasabye ko yasimbura ay'umwenda ungana na 2,000,000, 000 Akarere kagombaga gusaba muri Banki, wari uteganyijwe mu ngengo y'imari ivuguruye yemejwe n'Inama Njyanama yateranye kuwa 31 Mutarama 2107. Asaba ko umwenda wasabwa mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2017- 2018 bitewe n'aho imirimo y'inyubako y'Akarere izaba igeze. Ibi bituma ingengo y'imari ivuguruye iva kuri 23,201,391,894 igera kuri 23,492,620,004. Maze asaba ko Inama Njyanama ko yakwemeza amafaranga y'u Rwanda angana na 23,492,620,004 ariyo yakoreshwa mu ngengo ivuguruye y'umwaka wa 2016-2017.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama uko imikoreshereze y'ingengo y'imari ihagaze kuwa 30 Werurwe 2017, avuga ko ku mafaranga y'u Rwanda 23,492,620,004, ateganyijwe mu ngengo y' imari ivuguruye y'Akarere ya 2016- 2017 hamaze kuboneka 16,653,261,605 bihwanye na 71% nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

| ***Aho yaturutse*** | ***Ingengo y'imari ivuguruye*** | ***Amafaranga yabonetse*** | ***Ijanisha (%)*** |
|---|---|---|---|
| Amafaranga yinjiye aturutse mu misoro n'amahoro. | 11,654,014,998 | 8,108,362,707 | 70 |
| Amafaranga yakomotse ku igurishwa ry'ubutaka | 2,211,762,700* | 2,211,762,700 | 100 |
| Amafaranga aturuka muri Leta | 9,626,842,306 | 6,323,136,198 | 66 |
| **Total** | **23,492,620,004** | **16,653,261,605** | **71** |

Ku birebana n'imyenda kugeza kuwa 31 Ukuboza 2016, Akarere kari kabereyemo abantu umwenda w'amafaranga y'u Rwanda 954,002,136, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yasobanuye ko imyenda yakomeje kwiyongera kugera kuri 29 Werurwe 2017 ukaba warageraga ku mafaranga y'u Rwanda 1,417,066,313 hashingiwe ku nyemezabwishyu zose zigaragara ko zitarishyurwa, naho imyenda abantu babereyemo Akarere ingana n'amafaranga y'u Rwanda 417,566,098, ituruka ahanini ku misoro n'amahoro bitarishyurwa.

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'uburyo ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' igihembwe cya Kabiri cy'umwaka wa 2016-2017 yahoreshejwe no kuyunguranaho ibitekerezo yemeje umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 08.05.100**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'igihembwe cya kabiri cy'Umwaka wa 2016-2017.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 08.06.101**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi yasaba Minisiteri y'Imari n' Igenamigambi gusimbuza amafaranga ateganywa mu ngengo y'imari ivuguruye angana na 2,000,000,000 yari gusabwa n'Akarere ka Gasabo nk'umwenda muri Banki wo kubaka inyubako y'Akarere agasimbuzwa amafaranga Akarere kabonye ahwanye na 2,211,762,700 akomoka ku igurishwa ry'ubutaka.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21 / 21 bari mu cyumba cy'inama

**Umwanzuro No 08 .07.102**

Inama Njyanama yemeje amafaranga y'u Rwanda miliyoni magana abiri mirongo icyenda n'imwe n'ibihumbi magana abiri na makumyabiri n'umunani n'ijana na cumi ( **291,228,110 Frw)** yiyongera ku ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka wa 2016/2017 yemejwe ku wa 31 Mutarama 2017 n'Inama Njyanama .

Uyu mwanzuro wemejwe n'abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya Kane: Kurebaho aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 igeze ishyirwa mu bikorwa.**

Umuyobozi w' Ishami ry' igenamigambi yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama imihigo y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2016-2017 ndetse anabagaragariza aho igeze ishyirwa mu bikorwa mu gihembwe cya kabiri. Umuyobozi w' ishami ry' igenamigambi yagaragaje ko mu mihigo 73 Akarere ka Gasabo kahize, 53 ihwanye na 72,6% igeze ku rugero rushimishije ishyirwa mu bikorwa (75-100 % ), imihigo 8 ihwanye na 11,0% igeze ku rugero rwo hagati ( 50-75 % ) naho imihigo 10 ihwanye na 13,7% yatangiye gushyirwa mu bikorwa ariko iri ku kigereranyo cyo hasi cyane ( 0-50 % ) kubera impamvu zinyuranye .Hagaragajwe nanone imihigo 2 ihwanye na 2,7% itaratangira bitewe n'uko iteganyijwe gutangira mu gihembwe cya kane.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho imihigo y' Akarere y' umwaka wa 2016 -2017, kugaragarizwa aho igeze ishyirwa mu bikorwa, bunguranye ibitekerezo, bagaragaza impungenge z'imihigo imwe n'imwe ikiri hasi n'itaratangira, basaba ko hasuzumwa impamavu iyo mihigo ikiri nyuma hagafatwa ingamba zo kuyihutisha ndetse bafata umwanzuro ukurira:

**Umwanzuro No 08.08.103**

Inama Njyanama yasabye ko Komite Nyobozi yategura gahunda yihutirwa yo gusura imihigo iri gukorerwa hirya no hino mu Karere kugirango abagize Inama Njyanama barebe aho igeze ndetse batange n'inama aho bitagenda neza.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Gatanu</u>: Raporo ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama**

**5.1. Raporo ya Komisiyo y' Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku Nama Njyanama raporo y' ibikorwa bya Komisiyo ayoboye, abamenyesha ko ikubiyemo :

- Raporo y'isurwa ry'inzibutso zishyinguyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 ;
- Raporo yo gukurikirana ibikorwa byo kurwanya imirire mibi mu Mirenge ya Remera, Kacyiru, Bumbogo, Nduba na Gikomero ;
- Raporo y'imitsindire y'abanyeshuri mu mwaka wa 2016 mu Karere ka Gasabo ;
- Raporo y'inama nyunguranabitekerezo yahuje Akarere ka Gasabo na Komisiyo y'igihugu ishinzwe abana (NCC) ;
- Raporo y' inama ya Komisiyo yateranye ku wa 24 Werurwe 2017.

**5.1.1 Raporo y'isurwa ry'inzibutso zishyinguyemo abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994**

Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho Myiza yamesheje Abajyanama ko kubera gahunda yo kwitegura igikorwa kwibuka ku nshuro ya 23 abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ; Akarere ka Gasabo kashyizeho itsinda rigizwe n' Umuyobozi w' ishami ry'imiyoborere myiza,Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza mu Karere, Umukozi ushizwe ubugenzuzi bw'imyubakire mu Karere ;Uhagarariye Polisi, NISS, DASSO, CNLG IBUKA risura inzibutso icumi (10) zibarizwa mu Mirenge umunani (08) ariyo Ndera; Bumbogo; Kimironko; Jali; Rusororo; Rutunga; Gatsata na Jabana risanga izo nzibutso zifite ibibazo bitandukanye bisabwa gukosoka byihutirwa hashingiye kuri raporo yakozwe n'iryo ry'itsinda.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo na Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho Myiza y' Abaturage irebana n'ibibazo inzibutso zishyinguyemo Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 zifite bemeje imyanzuro ikirikira :

**Umwanzuro No 08.09.104**

Inama Njyanama ishingiye ku nama za Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho myiza y'Abaturage yasabye ko habyaho uburyo buhamye bwo gucunga inzibutso zishyinguyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse ko ahagaragaraye ibibazo birebana n'imyubakire byakosorwa byihuse.

**Umwanzuro No 08.10.105**

Inama Njyanama imaze kumva no gusesengura ikibazo cy'umwanda kivugwa hirya no hino ku nzibutso yemeje ko Imirenge yashyira muri gahunda ihoraho y'isuku inzibutso hatarinzwe gushakwa umukozi wihariye ushinzwe urwibutso cyangwa inzibutso muri buri Murenge.

**Umwanzuro No 08.11.106**

Inama Njyanama imaze kubona ikibazo cy'imyandikire itanoze ku nzibutso zishyinguyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasabye ko Komite Nyobozi yakurikirana aho bitanditse neza bigakosorwa vuba.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**5.1.2 Raporo yo gukurikirana ibikorwa byo kurwanya imirire mibi mu Mirenge.**

Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho Myiza yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko hateguwe ibikorwa byo kurwanya imirire mibi mu Mirenge ya Bumbogo, Gikomero, Kacyiru, Nduba na Remera. Yakomeje avuga ko muri iyo Mirenge hagaragaye abana bafite ibibazo by'imirre mibi bitandukanye :179 bafite imirire mibi idakabije ; 69 bafite imirire mibi ikabije na 6 bagwingiye. Ibibazo by'imirire mibi bigaragara ku bana benshi basuwe biraterwa n'Ababyeyi bafitanye amakimbirane ; ubusinzi n'ibindi ; abana babyarwa n'abandi bana bakabafashwa n'abandi batishoboye, imiryango ibarizwamo abana benshi b'indahekana, abana b'imfubyi, abana bavukanye uburwayi, ubujiji bw'ababyeyi n'ubukene.

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva imiterere y'ikibazo cy'imirire mibi muri iyo Mirenge bagejejweho na Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'imibereho Myiza y'Abaturage bafashe imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro No 08.12.107**

Inama Njyanama yasabye ko gahunda y'umugoroba w'ababyeyi yakomeza gushirwamo imbaraga ku rwego rw'Umudugudu kugirango abaturage bakomeze gukangurirwa kwirinda ibibazo byose bitera indwara zikomoka ku mirire mibi.

**Umwanzuro No 08.13. 108**

Inama Njyanama yasabye ko gahunda y'irerero kuri buri kagari yakwihutishwa ndetse igashyirwamo imbaraga kugirango abagore batwite babone inyigisho zihagije ndetse abandi nabo babone aho basiga abana mu gihe bagiye mu yindi mirimo.

**Umwanzuro No 08.14. 109**

Inama Njyanama yasabye ko gahunda ya Shisha Kibondo yashyirwamo imbaraga abana bose bagaragaweho ikibazo cy'imirire mibi ikabije bakayijyamo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21 /21 bari mu cyumba cy'inama.

### 5.1.3. Raporo y' imitsindire y'abanyeshuri mu Karere ka Gasabo mu mwaka wa 2016

Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho Myiza y' Abaturage yasobanuriye Abajyanama raporo irebana n'imitsindire y' abanyeshuri mu Karere ka Gasabo mu mwaka wa 2016 mu mashuri abanza ndetse n'ayisumbuye.

Yasobanuye ko mu mashuri abanza abanyeshuri batsinze ku kigereranyo cya 92,6% muri rusange, amashuri ya Leta yatsinze ku kigereranyo cya 90,6%, naho amashuri yigenga agatsindira kuri 99,6% aho usanga abanyeshuri batsinze mu cyiro cya I& II ( **Grade I& II** ) baje ku rugero rwa 98,8 % kuri 35,54% mu mashuri ya Leta. Iyo mitsindire inyuranye mu mashuri yigenga n'aya Leta iraterwa n'ibibazo by' uko mu mashuri ya Leta abana biga igice cy' umunsi ndetse n'ubucucike mu mashuri buri hejuru. Mu mashuri yisumbuye abanyeshuri batsinze ku rugero rwa 89,78% aho 43,6% baje mu cyiciro cya IV (Grade IV). Abajyanama bamaze kugezwaho imitsindire y'abanyeshuri mu Karere ka Gasabo bunguranye ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 08.15.110**

Inama Njyanama yasabye ko hasuzumwa ibibazo bikomeye bigaragara mu bigo by'amashuri bya Leta bituma abana badatsinda ndetse hagategurwa Scheme of work ku rwego rw'Akarere izakoreshwa mu bigo by'amashuri byose.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama

Perezida wa Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza yagejeje ku Nama Njyanama ko abagize Komisiyo baganiriye ku kibazo cy'abana barererwa mu kigo cya SOS ndetse n'ikibazo cya MUKESHIMANA Séraphine w' i Jabana usaba impozamarira y'umwana we avuga ko yaguye mu kirombe agapfa.

- **Ikibazo cy'abana barererwa mu kigo cya SOS** : Inama Njyanama yasanze hakorwa dosiye yihariye ya buri mwana noneho Akarere ka Gasabo, Komisiyo y' Igihugu ishinzwe abana (NCC) n'uturere dufite abana mu kigo cya SOS bagafatanya gukemura ibibazo bituma abana badasubizwa mu miryango.

- **Ikibazo cya MUKESHIMANA Séraphine** wo mu Murenge wa Jabana wanditse asaba impozamarira ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3,000,000 Frw) kubera ikibazo cy'umwana we avuga ko yaguye mu kirombe agapfa. Abagize Inama Njyanama bamaze gusesengura imiterere y'ikibazo bashingiye kuri raporo yakozwe basanze ibyo Mukeshimana Séraphine avuga nta shingiro bifite ariko ko ashobora gufashwa nk'abandi bakene bafashwa n'Akarere.

### 5.2 Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

Perezida wa Komisiyo y' Imiyoborere Myiza yahawe umwanya agaragariza Inama Njyanama raporo y'incamake y'ibikorwa byakozwe ndetse n'ibibazo byagaragaye bikenewe ko Inama Njyanama yafataho imyanzuro. Mu bikorwa Komisiyo yakoze, Perezida wa Komisiyo y'Imiyobrere Myiza yagaragaje ibi bikurikira :

- Ibikorwa by'ukwezi kw'irangamimerere bigeze mu karere ka Gasabo;
- Uko gahunda y'itorero yagenze mu Karere ka Gasabo;
- Amatora ateganyijwe mu kwezi kwa munani 2017 y'Umukuru w'Igihugu;
- Umunsi mpuzamahanga w'umugore wizihijwe ku itariki ya 8/3/ 2017;
- Uko umutekano wari wifashe mu Karere ka Gasabo ;
- Imihigo y'Inama y' Igihugu y' Urubyiruko.

**5.2.1. Ibikorwa by'ukwezi kw'irangamimerere mu karere ka Gasabo.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yahawe umwanya agaragariza Inama Njyanama raporo y'ibikorwa by'ukwezi kwahariwe irangamimerere ; avuga ko mu gihe cy'amezi abiri mu karere ka Gasabo handitswe abana bagera ku bihumbi makumyabiri magana abiri na batatu **(20,203)** bagizwe na **10, 467** b'igitsina gabo na **9, 736** b'igitsina gore ariko ko hari abaturage bacyifuza kwandikisha abana.Abajyanama bamaze kugaragarizwa iyo raporo basabye ko kwandika abana byakomeza mu buryo busanzwe ndetse bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 08.16.111**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kumenyesha Imirenge ko gahunda yo kwandika abana bavutse yakomeza nk'uko biteganywa n'Itegeko no32/2016 ryo ku wa 28/08/2016; itegeko rigenga abantu n'umuryango mu ngingo yaryo ya 100 aho ivuga ko umwana wese agomba kwandikishwa mu minsi mirongo itatu (30) kuva avutse.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 21/21 bari mucyumba cy'inama.

**5 .2 .2. Uko igikorwa cy' itorero cyagenze mu Karere ka Gasabo.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagaragarije Inama Njyanama ko gahunda y'ibikorwa by'Itorero mu Karere ka Gasabo yagenze neza nk' uko byari biteganyije ariko hakaba haragiye hagaragara ubwitabire budashimishije,hakitabira n'abamwe mu bantu batatumiwe ndetse hagaragara kandi imbogamizi zo kubura aho Akarere gatoreza.Komisiyo yagiye inama ko Akarere kakomeza igitekerezo cyo kubaka ikigo cyo gutorezamo mu Karere ka Gasabo.

Abajyanama bamaze kugezwaho uko Itorero ry'ibyiciro bitandukanye ryagenze bunguranye ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 08.17.112**

Inama Njyanama yasabye ko muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2017-2018 ko hateganywa kubaka ikigo cy'Akarere ka Gasabo cyo gutorezamo.

Uyu mwanzuro watowe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yasobanuriye Inama Njyanama ko Inama y'Igihugu y'urubyiruko ifite imihigo yahize kandi igomba kwesa ariko ikaba ihura n'imbogamizi z'imikorere

n'imikoranire ku nzego z'Imirenge n'Utugari ndetse ko iyo mihigo itagaragara muri gahunda y'ibikorwa by'Akarere.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo basaba ko mu gihe hategurwa igenamaigambi ibyo bikorwa byajya byitabwaho.

**5.3. Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo abamenyesha ko ibikorwa byinshi byafatiwe imyanzuro mu nama z' Inama Njyanama zibanziriza iyi ndetse no mu ngingo zabanjirinje iyi ku murongo w'ibyigwa.

**5.3.1 Gusuzuma amasezerano Akarere ka Gasabo kifuza kugirana na KVCS mu birebana n'imicungire y'ibirombe.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bagize Inama Njyanama umushinga w'amasezerano Akarere ka Gasabo kifuza kugirana na KVCS arebana n'icumingire y'ibirombe.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri uyu mushinga basanze igitekerezo ubwacyo ari cyiza kuko cyakongera amafaranga asanzwe yinjizwa n'Akarere. Abajyanama basabye ko uwo mushinga wanonosorwa ukagezwa kuri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ukasuzumwa mbere y'uko ugezwa mu nama y' Inama Njyanama iteganyijwe mu minsi iri imbere kugirango wemezwe.

<u>Ingingo ya Gatandatu</u> **: Raporo Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama incamake y'ibyagaragaye ku ishyirwamubikorwa ry'inama zatanzwe n'ubugenzuzi bwakorewe Imirenge (NBAs) mu ikoreshwa ry'amafaranga mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2015-2016 n'imyanzuro yafashwe na Komite Ngenzuzi y'Akarere ka Gasabo.Yakomeje avuga ko nyuma yo kugaragarizwa uko imirenge yashyize mu bikorwa inama zatanzwe n'abagenzuzi bwite b'Akarere ku bugenzuzi bwakozwe ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2015-2016,hashimwe imirenge yashyize mu bikorwa zimwe mu nama bagiriwe.Perezida wa Komite Ngenzuzi yongeye kugaragaza amakosa atarakosowe yari yaragaragarijwe Imirenge.

Perezida wa Komite Ngenzuzi yagaragarije Inama Njyanama uko abakozi bo mu bugenzuzi bwite bw'Akarere bagiye mu mirimo kugirango ibemeze nk'uko biteganywa n' itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 mu ngingo yaryo ya 56.Yabwiye Inama Njyanama ko Komite Ngenzuzi yagenzuye igasanga abakozi babiri bashya bo mu bugenzuzi bwite bw'Akarere batoranyijwe (recrutment process) mu buryo bukurikije amategeko kandi kuko bari bakenewe byihutirwa ~~bahise~~ bahabwa inshingano batangira akazi batarashyikirizwa Inama Njyanama ngo ibemeze.

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva raporo ya Komite ngenzuzi barayishimye bungurana ibitekerezo basaba ko amakosa yagaragaye atarakosorwa yakosorwa bishoboka ndetse bafata imyanzuro ikurikira :

**Umwanzuro No 08.18.113**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere ko yahamagaza abayobozi b'Imirenge ndetse n'abandi bose barebwa n'imicungire mibi y'imari n'umutungo mu Mirenge mu mwaka wa 2015-2016 kugirango bahure n'Abajyanama bagize Komite Ngenzuzi bayihe ibisobanuro ndetse bagaragaze uko amakosa akigaragara muri iyo raporo y' ubugenzuzi agiye gukosorwa.

Uyu mwazuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 08.19.114**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, ishingiye kuri raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere yemeje Bwana HAKIZIMANA Emmanuel na Bwana MUGABO Erick u mwanya w'Umugenzuzi Bwite bw'Akarere nk'uko biteganywa n'itegeko no 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013 mu ngingo yaryo ya 56 kuko binjiye mu kazi mu buryo bwubahirije amategeko. Komite Nyobozi y'Akarere yasabwe kubakorera isuzumamikorere mu gihe giteganyijwe raporo igashyikirizwa Abajyanama bagize Komite Ngenzuzi kugirango bakomeze gukurikirana imikorere yabo.

Uyu mwazuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Karindwi</u> : Gushyiraho Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na beneyo.**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuriye abari mu nama ko hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri No 003/MOJ/AG/2017 ryo ku wa 07/02/2017 rigena uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire n'inzego zigira uruhare mu kuyicunga rishyiraho Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo ku rwego rw'Akarere igomba kujyaho mu gihe kitarenze amezi atatu (3 ) uhereye igihe iri iteka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda. Yakomeje avuga ko Inama Njyanama y'Akarere mu izina rya Minisitiri w' ubutabera, ishyiraho Komite yo ku rwego rw'Akarere ishinzwe gucunga neza imitungo yasizwe na bene yo yitwa "Komite "'. Agaragaza ko iyi Komite izaba igizwe n'abantu batanu (5) bakurikira:

i. Umuyobozi w'Akarere Wungirije Iterambere ry' Ubukungu ari nawe Perezida ;
ii-Umuntu umwe uhagarariye abikorera mu Karere;
iii-Uhagarariye urubyiruko;
iv-Umuntu umwe uhagarariye Inama y'I gihugu y'Abagore;
v- Umwe mu bakozi b'ibiro by'ubutaka mu Karere.

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva ibiteganywa n'iri teka rya Minisitiri No 003/MOJ/AG/2017 ryo ku wa 07/02/2017 bagejejweho n'Umuyobozi w'Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No08.20.115**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yashyizeho abagize Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na beneyo mu Karere ka Gasabo:

| *No* | *AMAZINA* | *URWEGO AHAGARARIYE* | *ICYO ASHINZWE* |
|---|---|---|---|
| 1 | MBERABAHIZI Raymond Chrétien | Akarere ka Gasabo | Umuyobozi w'Akarere Wungiriye Iterambere ry' Ubukungu . |
| 2 | SHEMA Fabrice | Urwego rw'abikorera | Uhagarariye PsF mu Karere ka Gasabo |
| | MUHIRE Jean Luc | Inama y'igihugu y'urubyiruko | Uhagarariye urubyiruko mu Karere |
| 4 | KAMASHAZI Donnah | Inama y'igihugu y'abagore | Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere |
| 5 | NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc | Ibiro by'ubutaka mu Karere. | Umwe mu bakozi b'ibiro by'ubutaka mu Karere. |

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya Munani</u> : Gushyiraho Komite z'ubutaka ku rwego rw' Umurenge**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuriye abari mu nama ashingiye ku Iteka rya Minisitiri No 001 /MINIRENA /2017 ryo kuwa 30/01/2017 rigena imiterere inshingano n' imiterere bya Komite z' ubutaka ryasohotse mu Igazeti ya Leta ku wa 13/02/2017 ritegeka ko hashyirwaho Komite z'ubutaka zikorera ku rwego rw'Akagari zemejwe n' Inama Njyanama z'Imirenge , ku rwego rw' Umurenge zemejwe n' Inama Njyanama y'Akarere zikajyaho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe iri teka ritangiye gukurikizwa .
Yakomeje avuga ko Komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge cyangwa Akagari igizwe n'abantu batanu (5):

- b' inyangamugayo ;
- b' inararibonye mu bikorwa by'iterambere mu Tugari batuyemo;
- bafite amakuru ku butaka ,ba nyirabwo n'uburyo bwagiye bukoreshwa kandi nibura babiri ( 2) mu bagize Komite bagomba kuba ari ab' igitsina gore.

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva ibiteganywa n'Iteka rya Minisitiri No 001 /MINIRENA /2017 ryo kuwa 30/01/2017 bagejejweho n'Umuyobozi w' Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo maze bafata umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro No 08.24.116**

Inama Njyanama yashyizeho abagize Komite z'ubutaka ku rwego rw'Imirenge bakurikira :

| | | |
|---|---|---|
| **1. UMURENGE WA BUMBOGO** | | |
| **No** | **Amazina** | **Nomero ya telefoni** |
| 1 | GASANA Francis | 0788306455 |
| 2 | NGIRINSHUTI Jean Bosco | 0788350551 |
| 3 | UWANYIRIGIRA Sinata | 0788436159 |
| 4 | IRADUKUNDA Nelly Dianne | 0784333716 |
| 5 | NYAGASHI Jean Baptiste | 0788654216 |
| **2. UMURENGE WA GATSATA** | | |
| 1 | KAREGEYA Emmanuel | 0788595718 |
| 2 | RWINKESHA Lucie | - |
| 3 | KIRUTA Zephelin | 0788530238 |
| 4 | BAZIGAGA Odette | - |
| 5 | BAHATI Bonaventure | 0788356151 |
| **3. UMURENGE WA GIKOMERO** | | |
| 1 | MUGORUKEYE Mélanie | 0782940327 |
| 2 | TWAHIRWA Jean Pierre | 0783491448 |
| 3 | HITIMANA Alphonse | - |
| 4 | MUKAMURINDA Priscilla | 0789047554 |
| 5 | HABUMUGABO Gaspard | 0788276109 |
| **4 UMURENGE WA GISOZI** | | |
| 1 | NGARUKIYURWANDA Felicien | 0788872838 |
| 2 | VUGUZIGA Immaculee | 0783068956 |
| 3 | MBONYIMFURA Martin | 0788440504 |
| 4 | DUSABE Isaac | 0789543685 |
| 5 | MUKASHYAKA Olive | 0789770925 |
| **5 UMURENGE WA JABANA** | | |
| 1 | DUKUZIMANA Theodore | 0788684738 |
| 2 | MUKANIZEYIMANA Solange | 0782366261 |
| 3 | NGIRUWONSANGA Emmanuel | 0789197816 |
| 4 | MUKANYANGEZI Mary | 07835976 |
| 5 | KABENGERA Theogene | 0788272055 |
| **6 UMURENGE WA JALI** | | |
| 1 | MUGWANEZA Bellancilla | 0728695032 |
| 2 | MUKABAZIGA Speciose | 0788673722 |
| 3 | KAYIGI Felicien | 0783612513 |

| | | |
|---|---|---|
| 4 | SANDE Jean Baptiste | 0783097345 |
| 5 | NTARINDWA Damien | 0788608152 |
| | **7 UMURENGE WA KACYIRU** | |
| 1 | SEBUHINJA Celestin | 0788411182 |
| 2 | SIBOMANA Callixte | 0781102419 |
| 3 | GASINGIRWA Clotilde | 0789178869 |
| 4 | KAYITSEI Joselyne | 0785354812 |
| 5 | MUNYURWA Cyrille | 0789183628 |
| | **8. UMURENGE WA KIMIHURURA** | |
| 1 | FURAHA Françoise | 0789047660 |
| 2 | UWIRAGIYE Max | 0788309267 |
| 3 | NIYONSABA Jonathan | 0789644452 |
| 4 | MUTESI Christine | 0788537120 |
| 5 | RUGANGURA JBosco | 0788485117 |
| | **9 UMURENGE WA KIMIRONKO** | |
| 1 | MUVUNANYAMBO Appolinaire | 0788304915 |
| 2 | NTAGANDA Alain MUCYO | 0788220306 |
| 3 | KABERA UWINGABIRE Chantal | 0789197973 |
| 4 | UWAMAHORO Jean de Dieu | 0788519853 |
| 5 | KAMANZI UMULISA Charlotte | 0788757525 |
| | **10 UMURENGE WA KINYINYA** | |
| 1 | MUTSINZI Fred | 0788623358 |
| 2 | MUREBWAYIRE Mariette | 0728619529 |
| 3 | MUNYEMANA Jean Damacsene | 0788251792 |
| 4 | MUKANTABANA Egidia | 0788577321 |
| 5 | NDAYIZEYE Jonas | 0783721413 |
| | **11 UMURENGE WA NDERA** | |
| 1 | MURAYIRE Protais | 0788351461 |
| 2 | MUKAREMERA Christine | 0728852427 |
| 3 | KAYIBANDA Pascal | 0788665918 |
| 4 | MUKAKALISA Francine | 0783143196 |
| 5 | UWIMANA J Claude | 0789198147 |
| | **12 UMURENGE WA NDUBA** | |
| 1 | KABAHAYA Denys | 0788658732 |
| 2 | RWASIBO Floribert | 0788799259 |
| 3 | MUKANDEKEZI Marciane | 0788722650 |
| 4 | KARANGWA Felix | 0788243840 |
| 5 | MUSABIMANA Genevieve | 0786428457 |
| | **13 UMURENGE WA REMERA** | |

| | | |
|---|---|---|
| 1 | RUTABANA | 0788305126 |
| 2 | HABIMANA Christian | - |
| 3 | UMUHOZA Aime Diane | 0788667447 |
| 4 | BIZIMUREMYI Felix | |
| 5 | UWUMUKIZA Bernardine | 0788512871 |
| **14 UMURENGE WA RUSORORO** | | |
| 1 | NDAYISHIMIYE Firmin | 0788838132 |
| 2 | CYIBUKAYIRE Cynthia | 0788673309 |
| 3 | MUKASE Venantie | 0788592225 |
| 4 | RUBAGEMA Daniel | 0780293574 |
| 5 | GAKWERERE Francois | 0788457476 |
| **15 UMURENGE WA RUTUNGA** | | |
| 1 | KAMBUNDA Godeleva | 0788858729 |
| 2 | NKURAYIJA Celestin | 0728103135 |
| 3 | NDABANANIYE Francois | 0788858729 |
| 4 | MUKAMPORERA Immaculle | 0788858729 |
| 5 | MUKABATESI Theonille | 0722137553 |

Uyu mwnzuro wemejwe n''Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya Cyenda : Ibintu n'Ibindi**

Mu bintu n'ibindi Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama gahunda y' icyumeru cyahariwe abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali n'Uturere tuggize Umujyi wa Kigali mu kwegera abaturage, abamenyesha ko iyi gahunda yari iteganyijwe mu kwezi kwa Gashyantare 2017, ariko yaje kwigizwa inyuma mu kwezi kwa Gicurasi 2017. Yavuze ko ari igikorwa kizagararamo ubwitange bw'Abajyanama ku buryo buri Mujyanama w'Akarere azigomwa amafaranga angana n'ibihumbi makumyabiri.

Inama yari yatangiye imirimo Saa mbiri n'iminota mirongo ine (8h40') yashoje imirimo yayo saa munani n'iminota mirongo ine n'itanu (14h45'), Umuyobozi w'Inama ayisoza ashimira abayitabiriye ku bitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Gasabo ku wa 31 Werurwe 2017

Umwanditsi w' inama :

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama :

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo